# Mujye mwumva munumvire, bazabazwa ibyo bategetswe, namwe mubazwe ibyo mwategetswe

Hadith yaturutse kwa Wa-il Al Hadw'ramiy yaravuze ati: Salamat Ibun Yazid Al Dju'ufiyu (Imana imwishimire) yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati: Yewe Ntumwa ya Allah, uravuga iki ku bayobozi badusaba uburenganzira bwabo, ariko bakatwima ubwacu? Uradutegeka iki? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramwirengagiza, arongera arabiyibaza iramwirengagiza, arongera arabiyibaza bwa kabiri cyangwa se bwa gatatu, nuko Al Ash'ath Ibun Qays aramukurura aramubwira ati: "Mujye mwumva munumvire, bazabazwa ibyo bategetswe, namwe mubazwe ibyo mwategetswe."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe ku bayobozi basaba abantu ko uburenganzira bwabo bw'uko bagomba kubumva no kubumvira bwubahirizwa, nyamara bo uburenganzira babagomba ntibabwubahirize nko kurangwa n'ubutabera, kubaha ku minyago, kubuza akarengane no kugabana mu buryo bungana, none uradutegeka iki twabakorera? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramwirengagiza imeze nk'aho itakunze ibyo bibazo, ariko uwayibajije yarongeye abiyisubiriramo bwa kabiri n'ubwa gatatu, nuko Al Ash'ath Ibun Qays (Imana imwishimire) aramukurura kugira ngo amucecekeshe. Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Muzumve ibyo bababwira, munumvire ibyo babategetse; bazabazwa ibibareba byo kurangwa n'ubutabera no guha abayoborwa uburenganzira bwabo, ariko namwe muzabazwa ibibareba by'uko mugomba kubumvira, no kubaha uburenganzira bwabo, no kwihanganira ibyo bigeragezo.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee